RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority
P.O. Box 84 Kigali
info@rwandafda.gov.rw
www.rwandafda.gov.rw

Kigali kuwa, 04/02/2021
Ref.Nº: DIS/CRC/060/FDA/2021

Abakora ubuki bupfunyitse (Bose)
Abakwirakwiza ubuki bupfunyitse (Bose)
Abadandaza (Bose)
Abaturarwanda

Impamvu: Kubuza guhindura umwimerere w'ubuki bupfunyitse

Hashingiwe ku itegeko Nº: 003/2018 ryo ku wa 09/02/2018 rishyiraho ikigo gishinzwe kugenzura ibiribwa n'imiti mu Rwanda (Rwanda FDA), cyane cyane mu ngingo yaryo ya 8, igika cya 2 n'icya 13,
Hashingiwe kandi ku ubugenzunzi bwakozwe na Rwanda FDA nyuma yo kwakira ibibazo by'abaguzi bavuga ko ubuki baguze butujuje ubuziranenge. Hashingiwe na none ku bisubizo bya laboratwari byagaragaje ko ubuki buhindurirwa umwimerere n'ababupfunyika aho bongeramo isukari n'ibindi bashobora gukoresha.

Gusobanura impamvu
Ubuki buva mu bworozi bw'inzuki kandi bugakoreshwa mu kongera uburyohe bw'ibindi binyobwa cyangwa ibiribwa. Ubusanzwe, ubuki bugizwe n'amasukari atandukanye ku kigero runaka ndetse n'ibindi binyabutabire. Ubuki bushobora kugira amabara atandukanye ari hagati y'ubwenda kuba umweru n'ikigina kijimye, uburyo bufashe, uburyohe n'impumuro nabyo bishobora gutandukana bitewe n'agace bwavuyemo cyangwa uburyo bwahinzwemo; gusa byose bikomoka ku bimera.

Mu kugeza ubuki ku isoko, abavumvu n'abandi bacuruza ubuki hari ibyo bakora birimo gusarura, gutunganya ubuki, kubupfunyika no kubushyiraho ibirango. Gusa hari bamwe bakora nabi, bakongeramo ibindi bintu bagamije kubona inyungu nyinshi.

Guhindura umwimerere w'igicuruzwa hagamijwe inyungu bisobanurwa nka *"magendu, gusimbuza cyangwa kongera ikintu mu gicuruzwa wabigambiriye, hagamijwe kongerera agaciro icyo gicuruzwa muburyo budakwiriye cyangwa kugabanya agaciro k'ibikoreshwa mu gukora icyo gicuruzwa, bisobanura, gushaka indonke."*

Bamwe mu bagura ubuki, cyane cyane abafite ibibazo by'ubuzima, bahitamo gukoresha ubuki, nk'icyongera uburyohe, kubera ibyiza bugira ku buzima harimo nk'uburyo buzamura ikigero cy'isukari mu mubiri, ikigero cy'isukari yo mubwoko bwa gulukose na furukutose ndetse n'ibindi bigize ubuki. Niyo mpamvu rero mu rwego rwo kubungabunga umwimerere n'ubuziranenge,

ubuki bugomba gucuruzwa nta kindi kintu cyongewemo, haba ibikomoka ku biribwa cyangwa ibindi nk'uko bigaragazwa n'amahame y'ubuziranenge bw'ubuki.

Mu rwego rwo kubungabunga umwimerere n'ubuziranenge by'ubuki bucuruzwa ku isoko ry'u Rwanda, Rwanda FDA irasaba ibi bikurikira:

1. **ABAKORA UBUKI BUPFUNYITSE**
   - Bagomba gupfunyika ubuki butongewemo ikindi kintu icyo aricyo cyose, haba ibikomoka ku biribwa harimo n'ibirungu, isukari ndetse n'ibindi.
   - Kubahiriza amabwiriza asabwa mu gushyira amakuru ku birango by'ubuki bupfunyitse nkuko biteganywa n'amahame y'ubuziranenge (Ni ngombwa kwerekana izina ry'igicuruzwa, inkomoko cyangwa agace ubuki bwavuyemo, igihugu ubuki bwavuyemo, uko ubuki bwatunganyijwe, imiterere y'ubuki, izina ry'uwapfunyitse ubuki n'aho abarizwa, gushyiraho amakuru y'ukuri kandi afitiwe ibimenyetso).
   - Gushyira ku birango amakuru agaraga neza ikindi kintu icyo aricyo cyose cyongewe mu buki n'ingano yacyo; mu gihe hakozwe ibindi bicuruzwa bikozwe mu buki.
   - Abakora ubuki bupfunyitse barasabwa kwandikisha aho bakorera ndetse n'ibicuruzwa byabo muri Rwanda FDA.
   - Kubahiriza amabwiriza yo gukwirakwiza ibicuruzwa; harimo nko gutanga inyemezabuguzi no kubika inyandiko zigaragaza inkomoko y'ubuki.
   - Abapfunyika n'abagurisha ubuki bwahinduriwe umwimerere bazahabwa ibihano na Rwanda FDA.

2. **ABAKWIRAKWIZA UBUKI BUPFUNYITSE**
   - Kugura no gukwirakwiza ubuki bwavuye ahantu hazwi kandi hizewe, no gutanga amakuru ku bakora ubuki bwahinduriwe umwimerere.
   - Kubahiriza amabwiriza yo gukwirakwiza ibicuruzwa; harimo nko gutanga inyemezabuguzi no kubika inyandiko zigaragaza inkomoko y'ubuki.

3. **ABADANDAZA UBUKI BUPFUNYITSE N'ABAFITE AMADUKA**
   - Guhagarika kwakira no kugurisha ubuki bwahinduriwe umwimerere no gutanga amakuru ku bakora n'abakwirakwiza ubuki bwahinduriwe umwimerere.

4. **ABAGUZI**
   - Kutagura ubuki bwahinduriwe umwimerere no gutanga amakuru kubagurisha n'abakora ubuki buhinduriwe umwimerere.

Icyitonderwa: Abashaka gusaba ibisobanuro ndetse no gutanga amakuru ku bakora n'abacuruza ubuki bwahinduriwe umwimerere bahamagara kuri **0789 19 35 29**

Tubashimiye ubufatanye bwanyu.

Digitally signed by Rwanda FDA
(Ag DG)
Date: 2021.02.05 15:51:25 +02'00'

Dr. Charles KARANGWA
Umuyobozi Mukuru w'Agateganyo

RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority

RWANDA FDA

Rwanda Food and Drugs Authority